Edition 1 Newsletter

# Ivugururwa ry'Igishyushyanyo mbonera cy'Umujyi wa Rwamagana 2050



**Ese uruhare n'umusanzu wabaturage mukwiteza imbere n'iki?**

Hashize igihe u Rwanda ruzwiho gutsimbarara ku miyoborere myiza yo kumurikira rubanda ibibakorerwa muri gahunda za leta z'interambere ikintu cyatumye rugira imyitwarire myiza mu rwego rw'ubukungu mu Karere, ndetse no ku isi yose muri rusange.

Iyi ntambwe yagezweho cyane cyane bitewe n'uruhare rwa'abaturage mubikorwa by'iterambere bibafitiye akamaro mubirebana n'imibereho myiza ndetse no kuzamura ubukungu bubereye bose.

Nimuri urwo rwego aka Karere ka Rwamagana, kabifashijwemo n'ikigo gishinzwe imiturire mu Rwanda, "Rwanda Housing Authority" n'abafatanyabikorwa mu iterambere, ENABEL, urwego ruterwa inkunga na Leta y'u Bubiligi bashishikajwe no guteza imbere imibereho myiza binyuze mu ivugururwa ryi gishushanyo mbonera cy'umujyi wa Rwamagana.

Iki gikorwa gishingiye kuri gahunda ya leta yiterambere rirambye riganisha kumwaka wa 2050 igamije guteza imbere ibikorwaremezo, gushyiraho igishyushyanyo mbonera cy'imikoresheze yubutaka n'imyubakire mu mbibi z'umujyi, mu rwego rwo kugirango abaturage bose bazabe bisanga muri iki cyerecyezo cy'ubukungu burambye.

Kugirango uyu mugambi unozwe nkuko byifuzwa, rubanda, cyane cyane abantu batuye bakanakorera mu karere ka Rwamagana, bagomba kugira uruhare rufatika mu gufata ibyemezo ku bintu bishobora guhindura imibereho yabo ya buri munsi mu gikunze kwitwa uruhare rw'abaturage n'umusanzu mwi'vugururwa ry' igishyushyanyo mbonera cyu mujyi wa Rwamagana.

Ibi bizafasha kuzasigasira ibizaba byarubatswe mu buryo burambye, uburyo bizakorwamo, gufata ibyemezo, imibanire, n'ishyirwa mu bikorwa igishyushyanyo mbonera cy'Umujyi wa Rwamagana.

Hamaze guterwa intambwe ishimishije mu gushakisha ba abafatanyabikorwa b'ingenzi haba muri rubanda, ndetse no mu buyobozi bw'u mujyi wa Rwamagana, mu rwego rwo kurushaho kunoza no kwagura ibitekerezo ku byaba ari ibitekerezo byiza kurusha ibindi mu rwego rwo kubaka Umujyi uzaba ubereye bose.

Muri aba harimo abantu b'ingeri zose, urugero abayobozi b'inzego zibanze, amashyirahamwe y'abacuruzi bo mu isoko, abacuruzi basanzwe n'abanyenganda, amashyirahamwe y'abashoferi n'abamotari, Inzego z'Abihaye Imana, n'abayobozi b'ibigo bikorera ku rwego rw'ibanze n'abandi banyuranye. Ayandi matsinda azaba agizwe ninzobere mu bijyanye ni ingufu zituruka ku mashanyarazi, kubungabunga Ibidukikije, guteza imbere gahunda yo gutera amashyamba, Ibigo by'uburezi n'ubuzima, abayobozi



b'ibigo by'umuco n'umurage n'inzego zishinzwe umutekano.

Imwe mu nama ngishwanama yahuje abakuru b'inzego zinyuranye, ku biro by'Akarere, uwari uyoboye iyo nama, ariwe Umunyamabanga Nshingwa bikorwa w'Akarere Bwana Henry Kakooza, byashimangiwe ko igishushanyo mbonera cyiza cyigomba kwita ku byakurura abantu b'ingeri zose kuba baza gutura, gukora, gushora imari no gusura ibyiza bitatse Akarere.

Joshua Ashimwe, Umuyobozi Mukuru w'ikigo cyatsindiye isoko "Geosurveys-AJ+Partners Ltd" ryo kuzavugurura Igishushanyo mbonera, nawe yashimangiye akamaro k'uruhare rw'abaturage mu gihe cy'itunganywa ry'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Rwamagana, ari nako asaba uruhare rwa buri wese.

Mu gihe cy'gice kya mbere cy'ivugururwa ryi igishyushyanyo mbonera, Ubu bikaba bigeze ku gihe cy'isesengura ry'ubutaka buzacyenerwa mu myaka 2035 na 2050, abayobozi b'ibanze bahagarariye inyungu z'Abaturage, ari nabo b'ibanze mur'icyi gikorwa bahawe ikaze mu gutanga ibitekerezo n'ubufatanye mu buryo bwose bushoboka, kugirango imitunganyirize y'igishyushyanyo mbonera cyibereye bose igende neza.

## Ese nikuruhe rugero abaturage b'Akarere ka Rwamagana bakwiye kugira uruhare mu itunganywa ry'Umujyi wabo?

Ikintu cya mbere kigaragarira buri wese ucyinjira mu Mujyi wa Rwamagana uturutse mu mbibi zawo ziwugabanya n'Umujyi wa Kigali, nuko ubona ari ahantu hateye neza uwariwe wese yakwifuriza imiturire myiza ijyanye n'ubuzima bw'Umujyi.

Akarere ka Rwamagana gaherereye mu birometero bike uturutse mu Mujyi wa Kigali, kandi ku muhanda mpuzamahanga uhuza igihugu n'indi mihanda ibiri yifashishwa mu bucuruzi mpuzamahanga; umuhanda uhuza



**Umunyamabanga Nshingwa bikorwa w'Akarere ka Rwamamagana**

u Rwanda na Mombasa ndetse nundi uhuza , Afurika yo hagati.

Ibi hiyongereyeho ibintu nkenerwa byunganiwe n'ibikorwa bizamura ubukungu, kandi ari nabyo by'ingenzi ubusanzwe urugero, nk'urwego rw'ubuhinzi/ ubworozi, inganda n'inzego z'amahoteri n'ubukerarugendo biranga Akarere ka Rwamagana.

Ariko nubwo hari aya mahirwe yose, Akarere gakwiye kuba kareshya ibikorwa biberanye n'urwego rw'Umujyi w'icyitegererezo kamaze gushyirwamo mu bihe byavuba.

Impamvu zibitera bigaragara ko zishingiye ku bikorwa bigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere ubukungu, ndetse n'ishyirwaho rya za serivise zunganira abaturage.

Ariko ibi ahanini biracyari ibyifuzo, kugeza ubwo inyigo zirambuye zizaba zimaze gukorwa, kandi n'abantu bose barabigizemo uruhare, ku bijyanye n'ibyifuzwa mu rwego rwo kubaka ibikenewe kugirango Umujyi ube uberanye by'ukuri n'icyitegererezo.

Kugeza ubu, byaje kugaragazwa mu nama zinyuranye impuguke kubijyanye nituganywa ryi mijyi yagiye igirana n'abakuriye inzego zinyuranye z'Ubuyobozi bw'Akarere.

Byari bishimishije kubona Abayobozi b'inzego z'ibanze bi ngeri zose, ndetse hagendewe no kw'ireme ry'uburinganire mu rwego rwo kugaragaza mu gushyigikira inyungu z'abaturage nk'ibikorwaremezo biteza imbere urwego rw'imikino n'imyidagaduro, ishyirwaho ry'imyanya y'bigo by'umuco, ubusitani n'izidi serivise harimo n'uburezi, ibigo nderabuzima, n'ahazubakwa amasoko, n'amarimbi mu rwego rwo kurinda no kureshya abazaza gutura mu Mujyi bita IMUHIRA.

Nubwo hagaragajwe ubwuzu, hari hakiri icyuho mu bijyanye n'imyumvire, mu rwego rw'ishyirwa mubikorwa ry'igishushanyo mbonera.

Akaba ari muri uru rwego izindi ngamba zizafatwa ku birebana n'uruhare rw'umuryango mugari n'ubwitabire urugero nk'ikoreshwa rya za gahunda za radiyo, gukoresha itangazamakuru muri rusange, yaba iryandika, iryifashisha murandasi, ibyapa byamanikwa impande z'imihanda, gahunda zigamije kwigisha rubanda, no kungurana ibitekerezo hagati y'amatsinda atandukanye batanga ibitekerezo bifatika byateza imbere ishingwa mu bikorwa iyubakwa ryu mujyi w'icyitegererezo wa Rwamagana.

Izi ngamba zose zikazaba zigamije ibintu bibiri by'ingenzi; kwigisha no gukorera ku gihe.

**Kwigisha abaturage ku bijyanye n'igikorwa cy'itunganywa ry'igishushanyo mbonera:** Nkuko bisanzwe bivugwa, ubumenyi n'imbaraga.

Kugirango rero umuturage abashe gutanga igitekerezo cyiza cyizima, ku birebana n'iterambere bakeneye nibura imyumvire y'ibanze ijyanye n'imitunganyirize, ingorane, ingamba bijyana n'itunganywa ry'Umujyi n'iterambere.



**Abafatanyabikorwa mu nama y'Akarere.**

Bityo rubanda bakaba bakeneye kumva neza icyatuma igena ry'umujyi ryagenda neza, ndetse nuko politike z'imiterere y'Umujyi iteye, n'ibishobora kuba imbogamizi mu itunganywa ry'igishushanyo mbonera bishobora kuba bitari byaratekerejweho.

**Gutangiza gahunda yo kuzamura uruhare rw'abaturage hakiri kare:** Ikigaragara nuko abaturage bakeneye kugira uruhare ndetse no kwigishwa hakiri kare.

Ibikorwa byo mu ruhame mu gihe akazi ko gukora igishyushyanyo karimo gukorwahakagaragara ibitekerezo byabaturage bitatanzwe mbere, byaba atari cyo gihe cyiza cyo kugirango abaturage bagire uruhare mu bibakorerwa mu gihe batabifiteho ubumenyi muri rusange.

### Kugeza ubu byifashe gute mu gushishikariza rubanda kugira uruhare mu ikorwa ry'igishushanyombonera?

Muri Werurwe hagati, nibwo abarebwa niyi gahunda y' igishyushyanyo mbonera ku mpande zombi Akarere ka Rwamagana ku ruhande rumwe, na rwiyemezamirimo ku rundi ruhande batangije igikorwa cyizafata igihe muburyo bwo gutunganya igishushnyo mbonera cy''Umujyi wa Rwamagana.

Ibi bikaba byarabaye iminsi micye, nyuma yuko rwiyemezamirimo “JV-Geosurveys-A+J Partners Ltd”, ari nabo bashinzwe kunoza igishyushyanyo mbonera, bamurikiye abafatanyabikorwa raporo y'agateganyo izashingirwaho mu gukora igishushanyo mbonera, yaje no kwemezwa nyuma.

Iyi Raporo ikaba igaragaza neza ibijyanye nu buryo ki ibikorwa byose bizagenda, kandi inagaragaza n'uburyo bwazajya bureshya abashoramari, ba mukerarugendo, n'Abanyarwanda muri rusange, mu rwego rwo gutura, nkuko Gahunda za Guverinoma zibiteganya, nk'ingamba z'Urwego rw'Igihugu



**Abayobozi batandukanye mu nyigo y'igishyushyanyo mbonera mu murenge wa Gishari.**

zigamije ivugurura bukungu ndetse na gahunda zijyanye n'ingamba zigamije kugabanya ubukene, n'ibindi.

### Inama nabayobozi bibanze b'murenge wa Kigabiro

Inama ya mbere yabereye ku biro by'Umurenge wa Kigabiro biri muri metero nkye uturutse ku “One Stop Centre” ya Karere ari nayo ishinzwe ibikorwa byose birebana n'ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere ka Rwamagana.

Aherekejwe n'Umuyobozi wa (OSC) Bwana Theogene Gahunzire na mugenzi we Bwana Hategekimana Eugene, rwiyemezamirimo yagejejwe imbere y'inama yari yitabiriwe n'abayobozi bo ku rwego rw'ibanze ku buryo bushimishije.

Mu bayobozi b'ibanze harimo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, umokozi ushinzwe ubutaka ku rwego rw'Umurenge, Agronome w'Umurenge, Ushinzwe amashyamba, abashinzwe imibereho myiza, abavuga rikijyana, na ba “SEDO” b'utugali.

Bidatinze, Bwana Gahunzire amaze guhabwa urubuga, kugira ngo afate ijambo, ku bari bitabiriye inama, yagaragaje akamaro k'igishushanyo mbonera, anaboneraho gusaba ubufatanye n'abayobozi bo ku rwego rw'ibanze by'umwihariko.

Ubwo rwiyemezamirimo yari atangiye kungurana ibitekerezo n'abayobozi b'ibanze, yasobanuye neza uruhare rw'ubuyobozi bw'ibanze ku bijyanye n'igikorwa cyo gutunganya igishyushyanyo mbonera.

Bwana Joshua Ashimwe waruyoboye itsinda ryaba rwiyemezamirimo yatangiye agaragaza ibisabwa n'ibiteganywa gukorwa.

Igishyushyanyo mbonera cyagaragajwe cyatanze ishusho rusange ku birebana n'ibiteganywa kuzakorwa n'impuguke, ndetse n'ikunga yitezwe mu bari bitabiriye iyo nama.

Joshua yabasabye gushishoza no kutaniganwa ijambo ku birebana n'amahirwe ndetse no kugaragaza n'imbogamizi zishobora kuba ziri mu Murenge.

Mu ngamba nziza zigamije guhererekana amakuru arebana n'imiterere y'Umurenge agaragara kuri murandasi, buri muyobozi yaje kugaragaza amahirwe ari mu Mudugudu we anatanga ibitekerezo nk'amashuri, imyanya y'imyidagaduro, imyanya y'ubucuruzi, amarimbi, insengero, n'ibindi bikorwa remezo bisangwa muri Kigabiro. Ibindi byari ukureba aho umutungo kamere waba uherereye urugero nk'amazi, amashyamba n'imyanya ikungahaye ku mabuye y'agaciro.

Habajijwe ibibazo, ndetse hanatangwa n'ibitekerezo, icy'ingenzi cyikaba cyari icyo kunoza ibikorwa by'ubucuruzi, kuko ubucuruzi ari bwo nkingi y'iterambere y'Umurenge.

Ibindi bibazo byagaragajwe ni ibirebana no kuvugurura ibikorwaremezo nk'imihanda,

n'imyanya y'imikino, no kureba ukuntu Umujyi wazaramba.

Abayobozi b'ibanze kandi banagaragaje ikibazo cy'isoko ry'ibiribwa byangirika, ikibazo cy'imiturire iba idakurikije amategeko, kubutaka buba bwaragenewe ibindi bikorwa, urugero, nk'ubuhinzi, nkuko byagaragajwe n'uwari uhagarariye Umudugudu wa Nyagasenyi.

**Inana nabayobozi bibanze b'umurenge wa Muhazi.**

Mu Murenge wa Muhazi, abayobozi b'ibanze bari bashishikajwe cyane no kugira uruhare mu gikorwa cy'imitunganyirize y'igishushanyo mbonera, ariko kandi baje no gusaba ko habaho kugisha inama ku buryo bwagutse n'inzego zose.

Bagiye bibanda cyane cyane mu gutunganya ibikorwaremezo urugero nko gutunganya umuhanda ujya ku isoko rya Kabare, kugaragaza amashyamba ya Leta, mu rwego rwo guca abayavogera, no kugenzura iyubakwa ku nkyengero z'Ikiyaga cya Muhazi, no kuvugurura imyanya ikurura ba mukerarugendo, no gushyiraho imbago zigabanya ahakorerwa ibikorwa binyuranye, cyane cyane ahagenewe imiturire n'ubuhinzi.

**Indi Mirenge;**

Mu mpera za Werurwe, iryo tsinda ryasuye indi Mirenge yose yari isigaye igize Akarere ka Rwamagana, ku mpamvu zimwe n'izagaragajwe haruguru, mu rwego rwo gushishikariza abayobozi b'ibanze mu kugira uruhare nokugaragaza umusanzu mu gikorwa cy'okuvugurura igishyushyanyo mbonera cy'umujyi wa Rwamagana.

Akaba ari muri uru rwego byumwihariko Umurenge umwe waje ku isonga kubera ingamba wafashe ndetse bitewe n'imishinga itandukanye ihakorerwa. Ubuyobozi bw'ibanze bw'Umurenge wa Gishali bukaba bwarasabye ko abari bahagarariye urwego rwa Polisi y'igihugu (RNP) mu bijyanye ni kigo gishinzwe amahugurwa ya Polisi rwari ruhagarariwe na David Kabuye n'Umuyobozi w'ishuri rya Gishali IPRC (TVET), Bahizi Venuste bakaba barasabwe gusobanura neza gahunda irebana no kwagura ibikorwa by'urwego bakuriye

Bwana David Kabuye yagaragaje impungenge ku ruhande rwa Polisi, ku bijyanye n'imiturire iri iruhande rw'ishuri rya polisi. Impungenge ze zikaba zishingiye ku mpamvu zuko inyubako zigereye cyane n'ishuri, kandi ko zikomeje gusatira ahakorerwa imyitozo, ari nako bibangamira ibikorwa bya polisi bya buri munsi. Akaba yarongeyeho ko binababangamira abahatuye bityo aboneraho gusaba ko hagira icyakorwa mu gishyushyanyo mbonera gishya.

Akaba yarasabye rwiyemezamirimo kuzashyira Ishuri rya Gipolisi rya Gishali, ndetse na IPRC mu gishushanyo cyivuguruwe cy'Umujyi wa Rwamagana. Bikaba biteganijwe ko hazababaho kongera kungurana ibitekerezo ku kuntu ibitekerezo byatanzwe byazashyirwa mu gishshanyo mbonera cy'Umujya wa Rwamagana.

Ese nibihe bikorwa byitezwe mubihe birimbere kugira ngo hazakorwe igishyushyanyo mbonera kinogeye buri wese

Haracyari inzira ndende mu rwego rwo kubona amakuru ajyanye n'imibare yerecyeranye n'abafatanyabikorwa bose, mu rwego rw'imitunganyirize y'imbibi y'umujyi wa Rwamagana.

Imboni za rubanda n'abandi bafatanyabikorwa bamaze gushirwa ahagaragara mu rwego rwo kugaragaza umusanzu wabo ku birebana n'amakuru, ndetse no gutanga ibitekerezo bishyashya.

Barimo abanyenganda, Abacuruzi bakomeye, amashyirahamwe y'inzego zitandukanye, nk'Abashofri ba za tagisi, n'abandi bakoresha umuhanda, abacuruza ibiribwa, abakora ibikorwa byo gutwara ba mukerarugendo na abubatsi.

Abandi bakazaturuka mu nzego zinyuranye, nk'abakozi bo mu bigo nderabuzima, abakuru ba mashuri, abahagarariye ibigo by'umuco n'umurage, abakuru b'inzego z'umutekano, "FBO", "CBO" na za "ONG".

Ibi bikorwa byose hamwe ndetse no kwifashisha uburyo bwa siyanse bizatuma Umujyi uba ubereye abaturage bawo bose.

**Ibimaze kugerwaho by'ingenzi ku birebana n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Rwamagana**

- Ikorwa rya raporo y'agateganyo y'igishushanyo mbonera cy'Umujya wa Rwamagana, Kuyimurikira abafatanyabikorwa no kuyemeza
- Gusura nokugaragaza ibikorwa remezo mu mirenge yose y'Akarere
- Kwemeza imbibe za urban design na Land sub-division
- Kungurana ibitekerezo hagati y'inzego zinyuranye ku bijyanye n'imisanzu igamije gutuma igishyushyanyo mbonera gitungana
- Kubaza abakoresha imihanda no gusesengura ubuzima bwo mu mihanda
- Gusura no gutembera mu Mujyi wa Rwamagana
- Isesengura ku bijyanye n'ibinyabiziga, ibikorwaremezo, n'ibikorwa rusange
- Ubusesenguzi ku bijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka

AJ&PARTNERS
URBAN PLANNERS
MASTER PLANNERS
URBAN DESIGNERS
ARCHITECTS

GEOSURVEYS INTERNATIONAL LTD
GEOMATIC & GEOINFORMATION
CONSULTING ENGINEERS
P.O Box 1750 KIGALI
E-mail: info@geosurveysintl.com